# IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAME JEANNETTE KAGAME

## Ubukangurambaga Bwo Guteza Imbere Uburezi bw'Umwana w'Umukobwa

***"Ba Inkubito y'Icyeza, n'Ishema ry'Abakobwa"***

**KU WA 22 WERURWE 2024**

**MARANYUNDO GIRLS SCHOOL – AKARERE KA BUGESERA**

**Ba Nyakubahwa ba Minisitiri,**

**Bayobozi mu nzego zitandukanye,**

**Sr. Laetitia Musanabaganwa watwakiriye muri uru rugo rwa Maranyundo Girls School,**

**Esteemed Partners, Batumirwa bahire,**

**Babyeyi, Bakobwa bacu, Nkubito z'Icyeza,**

**Muraho Neza!**

- Nishimiye kugaruka muri uru rugo rwiza rwa Maranyundo Girls School, mwakoze kutwakira.
- Ukwezi kwa gatatu ni ukwezi by'umwihariko kwahariwe kwizihiza iterambere ry'umugore ku isi hose.
- Uyu munsi rero twaje **kwizihiza** Inkubito z'Icyeza!
- Uyu mwaka abakobwa bose duhemba ni magana icyenda na mirongo itanu n'umwe (**951**) mu gihugu hose, baje basanga abandi ibihumbi bitandatu magana atandatu mirongo inani n'umwe (**6,681**), tumaze guhemba kuva iyi gahunda yatangira.
- Aba bose ni abakobwa batsinze by'intangarugero mu bizamini bisoza amashuri mu byiciro bitandukanye. Abo turi kumwe uyu munsi ni abakobwa bagera kuri magana abiri na cumi na

batandatu (**216**)**,** ariko ibikorwa byo guhemba bizakomereza mu tundi turere tw'igihugu cyacu.

- Mumfashe dushimire Inkubito z'Icyeza (**Pause). Muzakomeze guharanira kuba Ishema ry'Abakobwa nk'uko Dr Zainab yabigenje!**

**Batumirwa bahire, Bayobozi turi kumwe, Bakobwa bacu,**

- Ku badasobanukiwe neza impamvu y'iki gikorwa cyo guhemba abakobwa batsinze neza, ni kimwe mu bikorwa dukora muri gahunda y'ubukangurambaga bwo guteza imbere uburezi bw'umwana w'umukobwa; tugamije kumwibutsa ko ashoboye, kandi ko yaba indashyikirwa – iyi ikaba ari nayo ntwaro ya mbere izamufasha kuba wa Munyarwanda twifuza.

- Muri ubu bukangurambaga ariko tuboneraho n'umwanya wo kongera kwibutsa umuryango mugari impamvu ari ngombwa ko twita cyane ku burezi bw'umwana w'umukobwa – ni byo umwana w'umuhungu nawe akeneye kwitabwaho, ariko nk'uko amateka yacu abitwereka ndetse n'ubushakashatsi bubyemeza, haracyari impamvu zo gushyira umwihariko ku mwana w'umukobwa.

- Nk'umuryango rero, dufite inshingano zo gukuraho inzitizi zose zibangamira uburezi bw'abana muri rusange. Ubu bukangurambaga bwagize akamaro mu kuzamura imyigire y'umwana w'umukobwa ariko ntitukibagirwe n'umwana

w'umuhungu, hato tutazisanga mu busumbane bw'abana kandi ari bwo twarwanyaga.

- Uyu ni umwaka u Rwanda twizihizamo byinshi byiza byabaye mu myaka 30 ishize twibohoye. Uku kwibohora tuvuga, buri munyarwanda yakubonye mu buryo butandukanye ariko icyo duhuriyeho twese nk'abagore n'abakobwa: ni umwanya n'amahirwe twahawe ngo natwe tugire uruhare mu iterambere ry'igihugu cyacu.

- Kimwe mu byo twibohoye twatanga ho urugero, ni aho wasangaga imiryango itemerera umwana w'umukobwa kwiga ngo akomeze amashuri, aminuze, n'ubwo yabaga yaratsinze neza, ahubwo agahatirwa kuguma mu mirimo yo mu rugo, n'ibindi bigamije inyungu bwite z'abagize umuryango. Ibi twese tuzi ingaruka byagiye bigira ku babikorewe.

- Murumva rero ko guhindura iyi myumvire bitari byoroshye ndetse byafashe n'igihe ngo bihinduke kuko twari twarabyakiriye tubyitirira umuco wacu, kandi ahubwo umuco wacu utubwiriza kubaha no kwita ku mukobwa n'umugore – we ubyarira akanarerera igihugu.

- N'ubwo ibijyanye n'iyo myumvire dufite aho tubigeze, ndetse ari nabyo bisa nk'aho byari bikomeye, turacyabona abana muri rusange babuzwa amahirwe yo kwiga, cyangwa gukomeza ngo barangize ibyiciro byose nk'uko byagenwe.

- Ibyo twishimira ni byinshi ariko haracyari n'ibindi tubona hirya no hino bikibangamiye ubuzima n'iterambere by'umwana w'umukobwa.

- Muri byo twavuga ibi bikurikira: **Inda ziterwa abangavu, gucikiriza amashuri kubera ko bajyanywe mu yindi mirimo, guhohoterwa, n'ibindi....**
- Uyu munsi rero, ni igihe cyiza cyo kongera kurebera hamwe urugendo twakoze. Imibare iri muri **Statistical Year Book 2023**, igaragaza ko mu myaka icumi ishize, mu mashuri abanza **(primary education enrollement),** umubare w'abana b'abakobwa wiyongereye ku rugero rwa **12%,** naho mu mashuri yisumbuye, **(secondary education enrollment)**, umubare w'abakobwa wazamutse ku rugero rwa **45%.**
- Ibi rero bitugaragariza ko umubare w'abakobwa biga, kandi bakaguma mu ishuri wiyongereye n'ubwo hari byinshi dukwiriye gukomeza gukurikirana, ku bufatanye n'inzego zibishinzwe.

**Bafatanyabikorwa bacu,** n'ubwo twibaza ibi, turabashimira kuba mwaragendanye natwe muri uru rugendo, kuva mu mwaka w'ibihumbi bibiri na gatanu (**2005**) ubwo twatangizaga iyi gahunda yo guteza imbere uburezi n'uburere by'umukobwa.

**Inkubito z'Icyeza, Bana Bacu,**

- Uyu munsi dufite abakobwa n'abagore bize neza nkamwe ndetse bakagera ku rwego rushimishije. Abo bose ni urugero

rw'uko bishoboka kandi mwese mwabigeraho, mukaba abo mushaka kuba bo!

- Mu Muryango Imbuto Foundation tugira indi gahunda twise '**Begin with the end in mind!**'. Ari mwebwe mukiri mu mashuri cyangwa na bakuru banyu ubu ni ubutumwa bwababafasha mwese gukomeza kuba za ntangarugero twifuza ko muba. Twavuze ku myaka 30 ishize ariko ndagira ngo tunarebere hamwe imyaka 30 iri mbere n'icyo dukwiye gukora uyu munsi kugira ngo tuzagere ku bindi byiza birushijeho.
- N'ubwo mukiri bato hari ibyo mureba mukabona bitanoze, haba mu muryango, mu ishuri aho mwiga cyangwa aho mutuye. Nk'Inkubito z'Icyeza, ibi ntabwo mukwiye kuba mukibireberera.
- Uyu munsi mushobora guhitamo kuba imbarutso y'impinduka mwifuza kubona mu muryango nyarwanda w'ejo hazaza, haba kuri mwe ubwanyu, ndetse no ku bazabakomokaho.
- Ibi mwabihera nko kuri gahunda ya **Inzoga si iz'Abato** na **TunyweLess,** bumwe mu bukangurambaga bwatangijwe na Leta y'u Rwanda mu kurwanya inzoga n'ibiyobyabwenge mu rubyiruko ndetse n'abakuru. **Uruhare rwanyu mu kwirinda no kurinda bagenzi banyu ni uruhe?**
- Abenshi mugendana n'ibigezweho cyane cyane ibyo mubona ku mbuga nkoranyambaga. Mushobora kuhigira byinshi, ni

byo, ariko mushobora no kuhahurira n'ibishuko byinshi. Mushishoze rero, mwige, mwigire ku bandi ariko iteka mujye mureba ibibafitiye umumaro.

- Ibyo byose bigomba kugira aho byubakiye - ubumenyi. Ni ngombwa rero ko mukomeza kwiga neza, mukazavamo abakobwa n'abagore b'icyitegererezo **"role models"**, bazakomeza gutoza bagenzi babo mu myigire, imyifatire ndetse n'imitekerereze yagutse, nk'uko mwanabitangiye mu bikorwa bitandukanye mukora nka **alumni** y'inkubito z'icyeza.

- Turabakangurira gukomeza kwitabira amasomo yose ariko cyane cyane gushyira imbaraga mu masomo ajyanye na siyansi, ikoranabuhanga, n'ubumenyingiro.

- Impamvu dushyira umwihariko kuri aya masomo ni uko ku isi hose aya ari amasomo y'ingenzi atanga n'amahirwe menshi ku isoko ry'umurimo ariko byanababafasha kwihangira imirimo. Bigaragara rero ko aya masomo abakobwa batayitabira ku rugero rwiza, kandi nta mpamvu n'imwe dukwiye kongera kwemerera kubuza umukobwa amahirwe ku iterambere iryo ari ryo ryose.

- Hari umwanditsi wavuze ati: ***"The Girl Child is the author of Her own story. The captain of Her own ship",*** ndetse nk'uko Umukuru w'Igihugu yabitwibukije ku Munsi mpuzamahanga w'Umugore **"Umugore ni Iterambere".**

- Mwagure rero ibitekerezo byanyu, mutekereze kure "**Think Big",** musome ibitabo by' abanditsi bagiye bahindura isi

dutuyemo, mumenye amateka yanyu, mwumve ko namwe uruhare rwanyu ari ingirakamaro.

**Bakobwa bacu**, nagira ngo mbibutse ko ***We believe in you***! Birashoboka ko mwagera kuri byose mwifuza.

**Murakoze, mugire umunsi mwiza!**